# ABESAMIHIGO BA KAMONYI NEWSLETTER

**UKWAKIRA 2024**

## ABAGIZE IHURIRO RY'UBUMWE N'UBUDAHERANWA BIYEMEJE KUBA UMUSINGI W'IMIBANIRE IZIRA AMAKEMWA




Ku Ruyenzi mu Murenge wa Runda habereye inama y'Abagize ihuriro ry'Ubumwe n'ubudaheranwa bo mu Karere Kamonyi. Iyi nama yateranye kuwa 18 Ukwakira 2024 yitabiriwe n'abayobozi batandukanye n'Abahoze ari Abayobozi kuva muri Mata1994; Abarinzi b'igihango ; Abakangurambaga b'Ubumwe n'Ubudaheranwa; abafatanyabikorwa bo mu nkingi y'Isanamitima n'Ubumwe n'Ubudaheranwa.

Umushyitsi Mukuru yari Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Intwari Imidari n'Impeta by'Ishimwe bwana Francois NGARAMBE. Hari kandi itsinda rya Unity Club Intwararumuri: bwana MUNYESHYAKA Vincent na Madamu MUKARURANGWA Egidie; n'Intumwa ya MINUBUMWE bwana KARAMBIZI Olivier. Iyi nama yitabiriwe kandi n'Umuyobozi w'Intara Y'Amajyepfo Madamu KAYITESI Alice.

Abitabiriye inama bahawe ibiganiro bitandukanye bigaruka ku Nsanganyamatsiko y'ukwezi k'Ubumwe n'Ubudaheranwa igira iti: Indangagaciro na kirazira isoko y'Ubumwe n'Ubudaheranwa by'Abanyarwanda ". biyemeje gukomeza kuba umusingi w'imibanire izira amakemwa, imibereho myiza n'iterambere.





## NYARUBAKA: HABAYE UMUHANGO WO GUSOZA IBIKORWA BY'UMUSHINGA GCS:

Tariki 16 Ukwakira 2024, habaye gahunda yo gusoza ibikorwa by'umushinga "Global Civic Sharing", iyi gahunda yabereye mu Murenge wa Nyarubaka hakaba hasojwe ibikorwa byari bimaze imyaka 10 bikorwa muri uyu Murenge bitandukanye byashyirwaga mu mu ngiro ku bufatanye bw'Akarere n'umuryango Grobal Civic Sharing.



Gahunda yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee, Global CIVIC SHARING yari ihagarriwe na Bwana Hyunju Cho (Executive Director) uyu muryango uterwa inkunga na KOREA EMBASSY mu Rwanda naho ingengo y'imari yatangwaga 'Ikigega Mpuzamahanga cya Koreya gishinzwe iterambere, KOICA yari ihagarariwe na bwana Jinhwa Kim.



Abagenerwabikorwa basabwe gukomeza gusigasira ibyagezweho no kubibyaza umusaruro kugira ngo bakomeze kwiteza imbere no guharanira imibereho myiza y'imiryango yabo.





## UBUYOBOZI BUKOMEJE GUSHYIRA IMBARAGA MU GUKURIKIRANA IBIKORWAREMEZO MU KARERE



Tariki 23 Ukwakira, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana Niyongira Uzziel yasuye REG ishami rya KAMONYI mu rwego rwo gukurikirana Umuyoboro w'amashanyarazi ya Kona-Nyagasozi mu Murenge wa Mugina.



Umuyobozi ukuriye Branch ya Kamonyi Mme Kalisa Rosine yasezeranyije ubuyobozi bw'Akarere ubufatanye mu kubaka uyu muyoboro kandi mu gihe cyateganyijwe.
Umuyobozi w'Akarere Wungirije yanakemuye ikibazo cy'umuturage muri site ya Rubona ufite ikibazo cy'umuhanda wamumariye ubutaka hakaba hatanzwe umurongo y' uko itsindaTekiniki ,site, n'ubuyobozi bw'Akagari buzamusura agakosorerwa icyangombwa.



Abagize itsinda banakomereje mu Rugazi gukemura ikibazo cy'umuturage wubatse mu muhanda, hafashwe umwanzuro wuko ibikorwa biri mu muhanda nyirabyo abyikuriraho

## MUSAMBIRA : HATANGIWE IBIHEMBO KU BAHIZE ABANDI MU MARUSHANWA Y'ISUKU N'UMUTEKANO

Mu Kagari ka Kivumu mu Murenge wa Musambira habereye igikorwa cyo guhemba abitwaye neza mu marushanwa y'ubukangurambaga ku isuku, isukura , kurwanya igwingira ry'abana no kwicungira umutekano yabaye umwaka ushize yateguwe ku bufatanye bw'Akarere ka kamonyi n'inzego z'umutekano (ingabo na police).




Ibihembo byatanzwe ni ibi bikurikira: ikipe y'abakozi b'Akarere ka Kamonyi yabaye iya kanemuri Football yahembwe 200.000 frw
➡ikipe y'imboni z'impinduka yabaye iya gatatu muri football yahembwe 350.000 frw
➡ikipe y'urubyiruko rw'abanyonzi rwa musambira yabaye iya kabiri muri football yahembwe 600.000 frw
➡ikipe y'urubyiruko rw'abakorerabushake yabaye iya mbere muri football yahawe igikombe n'amafaramga 800.000 frw
➡Akagari ka kivumu kahize utundi tugari muri ubwo bukangurambaga kahembwe 1.000.000 frw
➡umurenge wa musambira wahize indi mirenge wahembwe Moto nshya.






Iyi gahunda yitabiriwe n'umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe iterambere ry'Imibereho myiza y'abaturage Mme UWIRINGIRA Marie Josee, Sp. Marie Goretti UWANYIRIGIRA DCPO Kamonyi,Es Musambira n'abandi bayobozi batandukanye.



## ABAKOZI B'AKARERE BUNGURANYE IBITEKEREZO KURI GAHUNDA YA NDI UMUNYARWANDA

Ku gicamunsi cyo kuwa 14 Ukwakira, abakozi bakorera ku Karere hamwe n'abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge bitabiriye ikiganiro kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" ndetse bungurana ibitekerezo ku gukomeza kuba aba mbere mu gusigasira ubumwe bw'abanyarwanda.



Mu kiganiro cyatanzwe na bwana Kabera Innocent Ushinzwe ubukangurambaga bwa mutuweli, hashimangiwe ko "Ndi Umunyarwanda" ari indi ntambwe yatewe mu rugendo rwo kwiyubaka, gukira ibikomere no kubaka ubwizerane mu banyarwanda. Abakozi kandi banagenejweho ikiganiro ku buzima bwo mu mutwe ndetse n'uburyo uwagize ikibazo cy'ubuzima bwo mu mutwe yakwitabwaho.



Iyi gahunda yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe n'Umuyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere.





# HAKOZWE INAMA KU KUBARURA ABANTU BAFITE UBUMUGA







Tariki 14 Ukwakira mu rwego gukurikirana no gukomeza kwita ku mibereho myiza yabo, uyu munsi ku biro by'Akarere habereye inama yahuje abashinzwe kubarura abantu bafite inzitizi ziganisha ku bumuga (Enumerators).

Ibiganiro byayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee ari kumwe n'umuhuzabikorwa ku rwego rw'Akarere w'Inama y'Igihugu y'abantu bafite bwana Nzigiyimana Michel.

Mu nama abitabiriye barebeye hamwe aho igikorwa cy'ibarura kigeze imbogamizi bagize n'icyakorwa kugirango buri muntu wese agerwe ho, hatagira ucikanwa, hasabwa ko hagira igikorwa kugira ngo abafite ubumuga bose bagomba kubarurwa bagerweho kandi babarurwe nkuko byifuzwa.



## GUVERINERI YATANGIJE IGIHEMBWE CY'IHINGA 2025 A









ITariki ya 01 Ukwakira 2024, mu gishanga cya Kibuza Umurenge wa Gacurabwenge, niho habereye ku rwego rw'Intara hatangirijwe igihembwe cy'ihinga cya A 2025 muri iki gishanga niho hakorera koperative KABIYAKI.

Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme KAYITESI Alice niwe watangije iki gihembwe ku mugaragaro hari kandi Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylivere, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana Niyongira Uzziel, abari muri task force yo kwihaza mu biribwa ku rwego rw'Igihugu, abahagarariye RAB, abahagarariye inzego z'umutekano mu Karere, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'umurenge hari kandi kandi n'abafatanyabikorwa batandukanye barimo Rumbuka, Tubura na Yean.

Guverineri Kayitesi yibukije ko iki gihembwe cy'ihinga kigomba kwitabwaho kugira ubuhinzi bukomeza kuba koko umusingi w'imibereho myiza y'abaturage.

Yavuze kandi ko ubutaka bwose buhingwe bubyazwe umusaruro bakoreshe imbuto z'indobanure, bagire n'umuco wo gukoresha inyongeramusaruro (imvaruganda ndetse n'imborera).



## NGAMBA: HAKOZWE UMUGANDA WIHARIYE W'URUBYIRUKO WO KURENGERA IBIDUKIKIJE









Tariki ya 13 Ukwakira 2024 kimwe n'ahandi mu Karere uyu munsi mu Murenge wa Ngamba hakozwe umuganda wihariye w'urubyiruko wibanze ku bikorwa byo kurwanya isuri ku musozi wa Musenyi mu kagari ka Kabuga.

Muri uyu muganda Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere yifatanyije mu iki gikorwa n'urubyiruko rwo mu Murenge wa Ngamba muri uuy muganda wihasirye wo kurengera ibidukikije. Yari kumwe n'umuhuzabikorwa w'Inama y'igihugu y'urubyiruko mu Karere bwana Hagenimana Felix, umuhuzabikorwa w'urubyiruko rw'abakorerabushake, ubuyobozi bw'Umurenge wa Ngamba n'abandi bayobozi mu nzego zitandukanye z'urubyiruko mu karere ndetse no ku Murenge. Ngamba hakozwe imirwanyasuri ku buso bungana na 3Ha.

Nyuma y'umuganda abawitabiriye bahawe ibiganiro bikurikira: gushishikariza urubyiruko kubungabunga ibidukikije, gusobanurira urubyiruko gahunda y'ukwezi k'ubukorera bushake, ikiganiro ku kwirinda indwara z'ibyorezo Mpox ndetse na Marburg, ndetse abaturage bakanguriwe gukomeza kwicungira umutekano hakumirwa ibyaha.

# INTARA YASUYE INSENGERO HAREBWA NIBA ZUJUJE IBISABWA.







Tariki 29 Ukwakira, itsinda ryo ku rwego rw'Intara y'Amajyepfo rishinzwe gusuzuma imikorere y'insengero ryari riyobowe na Guveneri w'Intara y'Amajyepfo Mme KAYITESI Alice hamwe na “command post” yo ku rwego rw'Akarere ka Kamonyi ihagarariwe na bwana NIYONGIRA Uzziel Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe iterambere ry'ubukungu basuzumye ubusabe bw'insengero zagaragaje ko zamaze kuzuza ibyo zari zaragararijwe ko bituzuye n'itsinda ryazisuye.

Hasuwe urusengero rwa: ADEPR MBATI, EGLISE CATHOLIQUE PAROISSE MUGINA, EPR RUYUMBA ISLAM MUSAMBIRA, EPR RUYUMBA.

Abafite ibyo bagomba gukomeza kunoza bagiriwe inama kugira ngo izi nsengero zibe zujuje ibisabwa.

Gusa basabwe kwirinda kunyuranya n'inama bagiriwe kuko abakirisitu bagomba gusengera ahantu hujuje ibisabwa hadashyira ubuzima bwabo mu kaga

# KARAMA: ABATURAGE BAZABWE GUKOMEZA GUHARANIRA UBUMWE BWABO









Ubwo kuri 30 Ukwakira 2024 hasozwaga ukwezi kwahariwe kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa, Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere yasabye abaturage gukomeza kwimakaza ubumwe bwabo bagaha agaciro ibibahuza, bakamamaganire kure icyo aricyo cyose gishobora kubatandukanya.

Iki gikorwa cyanakozwe hirya no hino mu Mirenge, cyitabirwa n'ubuyobozi hamwe n'abaturage. Mu Kagari ka Bunyonga Umurenge wa Karama, niho hashorejwe ku rwego rw'Akarere ukwezi kwahariwe kuzirikana no kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa bw'abanyarwanda, iyi gahunda ikaba yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, Umuyobozi wa Polisi mu Karere, Umuyobozi w'Urwego rw'Iperereza mu Karere (NISS) bwana Mutabazi Jean Baptiste, Umuyobozi Mukuru Wungirije wa "Special Guarantee Fund" aricyo Kigega Cyihariye cy'Ingoboka.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana Niyongira Uzziel iyi gahunda yayitabiriye mu kagari ka Gihara Umurenge wa Runda. Muri uku kwezi hatanzwe ibiganiro binyuranye ndetse n'ibindi bikorwa bigamije gusigasira imibanire myiza.

# URUBYIRUKO RURAHAMAGARIRWA KUMENYA AMATEKA YARANZE IGIHUGU KANDI BAGAFATA IYA MBERE MU KUBAKA UBUMWE BW’ABANYARWANDA










Kuwa 27 Ukwakira 2024 mu Rwunge rw'Amashuri rwa Ruyanza mu Murenge wa Nyarubaka hatanzwe ibiganiro bijyanye n'ukwezi k'Ubumwe n'Ubudaheranwa ku bufatanye n'Umufatanyabikorwa CARSA. Urubyiruko icyo gihe rwahamagariwe kumenya amateka yaranze igihugu kandi bagafata iya mbere mu kubaka ubumwe bw’abanyarwanda.

Abitabiriye iyi gahunda bahawe ikiganiro ku Ndangagaciro na Kirazira z'Umuco nyarwanda cyatanzwe n'Umuyobozi w'Umuryango CARSA bwana MBONYINGABO Christophe.

Hanatanzwe ubuhamya ku basoje igihano ku cyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi n'Imiryango yarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.
Intore za Ruyanza zasabwe kwirinda icyo aricyo cyose cyashaka kubacamo ibice kuko ubumwe bwacu arizo mbaraga zacu.

Umukozi Ushinzwe Itorero yagarutse ku kwezi kwahariwe kwimakaza indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda nk' isoko y'Ubumwe n'Ubudaheranwa by'Abanyarwanda asaba intore za Ruyanza n'abatoza gukomeza kugira uruhare mu gusigasira Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'abanyarwanda

# ABAGIZE INZEGO Z'UMUTEKANO N'IBYICIRO BYIHARIYE BAHUGUWE KU KURWANYA IHOHOTERWA







Ku Ruyenzi mu Murenge wa Runda habereye amahugurwa ku kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsinda. Ni ibiganiro ku gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsinda ndetse n'uburyo bwo gusubiza mu buzima busanzwe uwahuye n'Ihohoterwa.


Ibi biganiro byitabiriwe n'abagize urwego rwa DASSO, Police bakorera hirya no hino mu Mirenge na RIB n'urubyiruko rw'abakorerabushake bahagarariye abandi.

Ibiganiro byatanzwe na Senior Superintendent of Police (SSP) Jean Marie Vianney Ndushabandi ushinzwe "Community Policing" muri Polisi y'Igihugu afatanyije n'Uhagarariye urwego rw'ubugenzacyaha RIB. Ubuyobozi bw'Akarere bwari buhagarariwe na Mme Umuhoza Alexia ushizwe uburinganire n'iterambere ry'umuryango.

Abitabiriye biyemeje kuba bandebereho mu gukumira ihihoterwa iryo ariryo ryose, ryaba irikorerwa abana, abagore n'ibindi byiciro.



# ITORERO ADEPR RYAKOZE UBUKANGURAMBAGA KU BUMWE N'UBUDAHERANWA NA GAHUNDA YO KUGARURA ABANA MU ISHURI




Ku cyumweru tariki 27 Ukwakira 2024 mu Murenge wa Mugina Ku kibuga cy'umupira cya Mugina hatangijwe ubukangurambaga binyuze mu mupira w'amaguru hagamijwe kugarura abana mu ishuri ku baritaye, iyi gahunda kandi yari igamije no kwibukiranya indangagaciro na kirazira ziri mu muco nyarwanda nk'isooko y'ubumwe n'ubudaheranwa bw'abanyarwanda.

Iyi gahunda yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr.NAHAYO Sylvere ari kumwe n'Umushumba Mukuru w'Itorero ADEPR mu Rwanda Reverand Pasteur NDAYIZEYE Isaie yari kumwe n'Umushumba w'Ururembo rwa Nyabisindu mu Itorero ADEPRPastor NIMURAGIRE Jean Marie Vianny, Abagize inzego z'umutekano mu Karere n'abandi bafatanyabikorwa. Itorero ADEPR niryo ryateye inkunga iyi gahunda y'imikino.

Abitabiriye bakurikiye umukino wahuje ikipe y'abakobwa ba GS Kivumu na EP JENDA ndetse n'ikipe y'abahungu ba GS Kivumu na GS Cyeru.











# ABAGIZE INAMA Y'UMUTEKANO ITAGUYE Y'INTARA BASUYE AKARERE BAGANIRA NA "OPINION LEADERS"











Ku gicamunsi cyo kuwa 21 Ukwakira, kuri site 2 ( site ya Musambira na site ya Kayenzi), habereye inama zari zatumiwemo abayobozi bo mu nzego zitandukanye kuva ku Mudugudu kugera ku rwego rw'Umurenge. Iyi gahunda yitabiriwe n'abayobozi bo mu Mirenge ya Musambira, Kayenzi, Karama, Nyarubaka na Kayumbu hari kandi n'abagize Inama y'Umutekano itaguye y'Intara n'Abagize Inama y'Umutekano itaguye y'Akarere.

Umuyobozi w'Ingabo mu Ntara y'Amajyepfo General Major Vincent GATAMA ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr.Nahayo Sylvere bitabiriye iyi gahunda mu biganiro byabereye mu Murenge wa Kayenzi.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara bwana Nshimiyimana Vedaste hamwe n'Umuyobozi wa Polisi mu Ntara y'Amajyepfo n'umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel, bitabiriye iki gikorwa kuri site ya Musambira Umurenge wa Musambira. Muri rusange muri ibi biganiro hagarutswe ku gukomeza kwicungira umutekano no gukumira ibyaha, kugira uruhare muri gahunda z'iterambere n'imibereho myiza y'abaturage.



# HABAYE UMUHANGO WO KWIMIKA ABAYOBOZI BA PRESYBITERI YA REMERA RUKOMA

Tariki 27 Ukwakira mu Itorero rya EPR ku Cyicaro cya Presybytery Remera mu Murenge wa Rukoma habereye umuhango wo gushyira abayobozi ba Presybytery aribo Perezida wa Presybytery Rev. Pasteur BIZIMANA Jerome, Visi Perezida Rev.Pasteur DUSABUMUREMYI Donatien.



Uyu muhango wayobowe wayobowe na Perezida w'Itorero EPR mu Rwanda Reverand Pasteur Dr. Pascal BATAYINGAYA, igikorwa cyitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere, Umuyobozi w’Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel, Komiseri muri Komisiyo y'Uburenganzira bwa muntu komiseri TUYIZERE Thaddée, inzego y'Umutekano n’abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge ya RUKOMA na RUGALIKA, umuyamamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge wa CYEZA muri Muhanga. Umuhango waranzwe n'ubutumwa bushima IMANA no kugaragaza uruhare rwayo mu mibereho ya buri munsi y'Igihugu.







## ABADEPITE BAJE MU KARERE GUKURIKIRANA IMITERERE Y'IGIHEMBWE CY'IHINGA



Tariki 24 Ukwakira 2024 Itsinda ry'Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda riyobowe na Hon.Nkuranga Egide ryatangiye uruzinduko rw'akazi mu Karere. Abadepite bakiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe n'abagize komite nyobozi.



Uru ruzinduko rwari rugamije gusura Imirenge abadepite barebe ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi, banasuzume imiterere y'igihembwe cy'ihinga 2025 A, Abadepite kandi bagomba kugezwaho raporo y'ikemurwa ry'ibibazo abaturage babajije Abadepite mu ruzinduko bagiriye mu Karere muri manda ishize.



Hanakozwe inama yahuje Abadepite n'ubuyobozi bw'Akarere yitabiriwe n'inzego z'umutekano, abakozi b'akarere, abayobozi b'amakoperative n'abafatanyabikorwa mu buhinzi. Hasuwe Imirenge ya Mugina na Ngamba harebwa ubuhinzi n'ubwororozi uko buhagaze hakazatangwa raporo ku Nteko ishinga Amategeko.





## NYARUBAKA: HAKOZWE UMUGANDA WO KWITA KU BIDUKIKIJE

Tariki 26 Ukwakira 2024, mu Mirenge yose igize Akarere ka Kamonyi habereye umuganda rusange witabiriwe n'abayobozi mu nzego zitandukanye, abaturage n'abafatanyabikorwa b'akarere. Hibanzwe ku gufata neza ibikorwaremezo by'imihanda, kubakira abatishoboye no kwita ku bidukikije.

-Mu Mudugudu wa Buhunga Umurenge wa Nyarubaka mu Kagari ka Ruyanza niho habereye ku rwego rw'Akarere umuganda rusange. Hibanzwe k ugusibura no gucuka imirwanyasuri, ndetse no gutera ibiti 1500 (greveria, imisave na croton) ku musozi wa Buhunga.

Nyuma y'umuganda habayeho kugaburira abana indyo yuzuye, imiryango 2 yorojwe inka aho bituwe na bagenzi babo muri gahunda ya Girinka, habayeho kandi kwakira no gukemura ibibazo by'abaturage.

Uyu muganda witabiriwe n'itsinda ry'intumwa za rubanda mu Nteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda riri mu ruzinduko rw'akazi mu Karere rikaba riyobowe na Hon. NKURANGA Egide. Hari kandi Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere ari kumwe na VM ushinzwe imibereho myiza, abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere (Reseve Force Commander, DPC & NISS), bamwe mu bakozi b'akarere n'umufatanyabikorwa muri gahunda z'ubuhinzi (TUBURA) ari nawe watanze izi ngemwe z'ibiti.











# IKIRARO GIHUZA UMURENGE WA KARAMA NA KAYUMBU CYAKIRIWE BY'AGATEGANYO












Kuwa 30 Ukwakira 2024, Ikiraro cya Bahimba gihuza Imirenge ya Karama na Kayumbu cyari cyaratwawe n'ibiza cyakiriwe by'agateganyo kuko imirimo yo kubaka iri teme rinini yarangiye aha hantu hakaba ari nyabagendwa.

Iki gikorwa icyo gihe cyayobowe na bwana NIYONGIRA Uzziel Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'ubukungu, abagize inzego z'umutekano (Umuyobozi w'Inkeragutabara mu Karere n'Umuyobozi wa Polisi mu Karere Lt. Colonel Eliphaz Mugisha) ubuyobozi bwa Elohim Co LTD & JV Hilly & United Ltd hamwe n'Itsinda ry'Akarere rishinzwe gukurikirana imishinga mu Karere.

Hagenzuwe uburyo imirimo yakozwe hari zimwe mu nama zatanzwe zigomba kunozwa mu gihe cya vuba, ibi bikaba byakozwe ku bufatanye na ba injenyeri bo mu ishami rifite ubutaka n'ibikorwaremezo mu nshingano.

**Bikozwe na:**

**Faustin NTAKIRUTIMANA**
**'PR, Media & Communications"**